Repubulika y'u Rwanda

Minisiteri y'umutekano mu gihugu

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° ..003../MININTER/25 YO KU WA ..26./..06./2025 AGENA UBURYO BW'UBURINZI K'UMUNYAPOLITIKI MUKURU W'IGIHUGU**

**ISHAKIRO**


**Ingingo ya 1: Intego y'aya mabwiriza**

**Ingingo ya 2: Uburinzi bw'umunyapolitiki mukuru w'Igihugu**

**Ingingo ya 3: Uwishyura serivisi z'umutekano n'uwucunga**

**Ingingo ya 4: Guhitamo ikigo cy'abikorera gitanga serivisi z'umutekano**

**Ingingo ya 5: Ibishingirwaho mu guhitamo**

**Ingingo ya 6: Gutanga isoko**

**Ingingo ya 7: Kumenyekanisha**

**Ingingo ya 8: Umubare w'abakozi bashinzwe kurinda umutekano n'ibikoresho bakoresha**

**Ingingo ya 9: Gusinya amasezerano**

**Ingingo ya 10: Gukurikirana imikorere y'ikigo cy'abikorera gitanga serivisi z'umutekano ku munyapolitiki mukuru w'Igihugu**

**Ingingo ya 11: Ingingo ivanaho**

**Ingingo ya 12: Gutangira gukurikizwa**





@RwandaInterior | www.mininter.gov.rw | info@mininter.gov.rw | Toll free 9060 | Po Box 446 Kigali

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 003.../MININTER/25 YO KU WA 26/06/2025 AGENA UBURYO BW'UBURINZI K'UMUNYAPOLITIKI MUKURU W'IGIHUGU**

**Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu;**

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 05/2012/OL ryo kuwa 03/09/2012 rishyiraho ibigenerwa Abanyapolitiki Bakuru b'Igihugu nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane ingingo yaryo iya 3 n'iya 6;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 004/01 ryo ku wa 16/02/2017 rigena ingano y'imishahara n'ibindi bigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu n'uburyo bitangwa, cyane cyane ingingo zaryo iya 5, iya 6, iya 7 n'iya13;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 024/03 ryo ku wa 12/09/2022 rigena intego, inshingano n'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo bya Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3;

Asubiye ku Mabwiriza ya Minisitiri n° 001/19 yo ku wa 24/12/2019 yerekeye uburinzi bw'abanyapolitiki bakuru b'Igihugu.

**ASHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

**Ingingo ya 1: Intego y'aya mabwiriza**

Bitabangamiye amategeko agena ubundi buryo bwo kurinda umutekano w'abanyapolitiki bakuru b'Igihugu, aya mabwiriza agena uburyo uburinzi bw'umunyapolitiki mukuru w'Igihugu bukorwamo yaba ku kazi cyangwa mu rugo.

**Ingingo ya 2: Uburinzi bw'umunyapolitiki mukuru w'Igihugu**

Uburinzi bw'umunyapolitiki mukuru w'Igihugu bukorwa igihe cyose.

**Ingingo ya 3: Uwishyura serivisi z'umutekano n'uwucunga**

Leta ikoresha kandi ikishyura ikigo cy'abikorera gitanga serivisi z'umutekano mu kurinda umunyapolitiki mukuru w'Igihugu.

**Ingingo ya 4: Guhitamo ikigo cy'abikorera gitanga serivisi z'umutekano**

(1) Buri mwaka w'ingengo y'imali, Minisitiri ufite Umutekano mu Gihugu mu nshingano asaba Polisi y'u Rwanda ifatanyije n'izindi nzego zishinzwe kurinda Igihugu n'umutekano, guhitamo ibigo by'abikorera bitanga serivisi z'umutekano bishoboye bizatanga serivisi z'umutekano ku banyapolitiki bakuru b'Igihugu.

(2) Polisi y'u Rwanda imenyesha Minisitiri, ibyo bigo by'abikorera bitanga serivisi z'umutekano byatoranyijwe.

**Ingingo ya 5: Ibishingirwaho mu guhitamo**

Ibishingirwaho mu guhitamo ikigo cy'abikorera gifite ubushobozi bwo gutanga serivisi z'umutekano ku munyapolitiki mukuru w'Igihugu, ni ibi bikurikira:

(a) kugira uruhushya rwo gutanga serivisi z'umutekano utangwa n'abikorera;
(b) kugira uruhushya rwo gutunga no gukoresha imbunda;
(c) kugira abakozi bashinzwe umutekano bahuguriwe kurinda umutekano w'abanyacyubahiro (VIP),
(d) kugira ibikoresho byo kurinda umutekano byabugenewe;
(e) ibindi bishingirwaho byagenwa na Polisi y'u Rwanda.

**Ingingo ya 6: Gutanga isoko**

Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu, amaze kugaragarizwa na Polisi y'u Rwanda ibigo bifite ubushobozi bwo gutanga serivisi z'umutekano byatoranyijwe, asaba itsinda rigizwe na Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu (MININTER), Minisiteri y'Imali n'Igenamigambi (MINECOFIN), Minisiteri y'Ibikorwaremezo (MININFRA), Polisi y'u Rwanda (RNP) n'Ikigo cy'Igihugu giteza imbere imiturire (RHA), binyuze mu gutanga isoko, kugaragaza ikigo cy'abikorera gitanga serivisi z'umutekano gikorana na Leta amasezerano, bagaha raporo Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu.

**Ingingo ya 7: Kumenyekanisha**

Minisitiri ufite Umutekano mu Gihugu mu nshingano amenyesha mu nyandiko inzego za Leta ikigo cyangwa ibigo by'abikorera bitanga serivisi z'umutekano byatoranyijwe. Ikigo cyangwa ibigo by'abikorera bitanga serivisi z'umutekano byatoranyijwe bihabwa kopi y'urwandiko ruvugwa muri iyi ngingo.

**Ingingo ya 8: Ibikoresho n'umubare w'abakozi bashinzwe kurinda umutekano**

(1) Uburinzi bw'umunyapolitiki mukuru w'Igihugu bukorwa hifashishijwe ibikoresho/ikoranabuhanga mu kurinda umutekano. Ibyo bikoresho bitangwa n'ikigo cy'abikorera gitanga serivisi z'umutekano gifitanye na Leta amasezerano yo kurinda umunyapolitiki mukuru w'Igihugu.

(2) Umubare w'abakozi bashinzwe kurinda umutekano w'umunyapolitiki mukuru w'Igihugu ku kazi ndetse n'ibikoresho byo kurinda umutekano bigenwa hashingiwe ku masezerano Leta yagiranye n'ikigo cy'abikorera gitanga serivisi z'umutekano.

(3) Uburinzi bwo mu rugo rw'umunyapolitiki mukuru w'Igihugu bukorwa n'umukozi umwe ushinzwe kurinda umutekano udafite imbunda ku manywa, n'abakozi babiri bashinzwe kurinda umutekano bafite nibura imbunda imwe nijoro.

**Ingingo ya 9: Gusinya amasezerano**

Urwego rwa Leta rusinyana amasezerano n'ikigo cy'abikorera gitanga serivisi z'umutekano cyatoranyijwe, rukaniyishyurira ikiguzi cya serivisi.

**Ingingo ya 10: Gukurikirana imikorere y'ikigo cy'abikorera gitanga serivisi z'umutekano ku munyapolitiki mukuru w'Igihugu**

Imikorere y'ikigo cy'abikorera gitanga serivisi z'umutekano ku munyapolitiki mukuru w'Igihugu ikurikiranwa na Polisi y'u Rwanda, igashyikiriza raporo Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu.

**Ingingo ya 11: Ingingo ivanaho**

Amabwiriza ya Minisitiri n° 001/19 yo ku wa 24/12/2019 yerekeye uburinzi bw'abanyapolitiki bakuru b'lgihugu avanyweho.

**Ingingo ya 12: Gutangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono.

Kigali, 26/06/2025

**BIRUTA Vincent**
Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu